# UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA BENEDIGITO WA CUMI NA BATANDATU YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 48 WO GUSABIRA IHAMAGARWA RY'ABIYEGURIRIMANA

## INGINGOREMEZO: « GUSHISHIKARIZA UKWIYEGURIRA IMANA MURI KILIZIYA IWACU »

## Ku wa 15 Gicurasi 2011 - Icyumweru cya 4 cya Pasika

Bavandimwe nkunda,

**U**munsi Mpuzamahanga wa 48 wo gusabira Ihamagarwa ry'Abiyeguririmana, uzahimbazwa ku itariki ya 15 Gicurasi 2011, ku cyumweru cya 4 cya Pasika, uduhaye umwanya wo kuzirikana iyi ngingoremezo : « **gushishikariza ukwiyegurira Imana muri Kiliziya iwacu ».**

Hashize imyaka mirongo irindwi, Papa Piyo wa XII, ukwiye kubahwa, ashyizeho Ibiro bishinzwe kwita ku Ihamagarwa ry'Abasaseridoti. Mu bihe byakurikiyeho, muri za diyosezi nyinshi, abepisikopi bashyizeho inzego nk'izo zitabwaho n'abapadiri n'abalayiki, bagaragaza ko bakiriye icyifuzo cy'Umushumba Mwiza, we wabonye «imbaga y'abantu akabagirira impuhwe, kuko bari barushye kandi bameze nk'intama zitagira umushumba ». « Nuko abwira abigishwa be ati : 'Imyaka yeze ni myinshi, ariko abakozi ni bakeya ; nimusabe rero Nyir'imyaka yohereze abakozi mu mirima ye' » *(Mt 9, 36-38)*.

**U**bushishozi mu guteza imbere no gufasha abari mu nzira zo kwiyegurira Imana bufite ishingiro ryumvikana neza mu Ivanjili, aho Yezu ahamagarira abigishwa be kumukurikira abigishanya urukundo n'ubwitange. Aha turashaka kwibanda ku buryo Yezu yatoye intumwa ze kugira ngo azishinge umurimo wo kwamamaza Ingoma y'Imana (*reba Lk 10, 9).* Mbere ya byose, bigaragara neza ko igikorwa cye cy'ibanze cyabaye icyo kubasabira: mbere yo kubahamagara, Yezu yaraye asenga wenyine yitegura kwakira ugushaka kwa Se (*reba Lk 6, 12*), abigirana umutima wicisha bugufi kandi witaruye ubuzima busanzwe. Itorwa ry'intumwa ryakomotse ku mushyikirano wihariye wa Yezu na Se. Mu by'ukuri, ihamagarwa ry'abasaseridoti n'abiyeguriyimana ni imbuto ikomoka ku mushyikirano uhoraho bagirana n'Imana nzima no ku isengesho ritaretsa ryerekezwa kuri « Nyir'imyaka » rivugirwa muri za paruwasi, mu miryango y'abakristu no mu matsinda yita ku ihamagarwa (« groupes vocationnels »).

**A**gitangira ubutumwa bwe ku mugaragaro, Nyagasani yahamagaye abarobyi bamwe, bakoreraga umurimo wabo ku nkombe z'ikiyaga cya Galileya agira ati: « Nimunkurikire, nzabagira abarobyi b'abantu » *(Mt 4, 19).* Yabagaragarije ubutumwa bwe bwo gucungura abantu akoresheje « ibimenyetso » byinshi byerekanaga urukundo afitiye abantu n'ingabire y'impuhwe z'Imana Data; yabigishije akoresheje ijambo n'urugero rwiza rw'ubuzima bwe, kugira ngo

bitegure gukomeza umurimo we wo gukiza abantu; hanyuma , «Yezu amenye ko igihe cye cyageze cyo kuva kuri iyi si agasanga Se » (*Yh 13, 1*), yabasigiye urwibutso rw'urupfu n'izuka rye, kandi mbere yo kujya mu ijuru yabohereje ku isi yose abaha iri tegeko: « Nuko rero, nimugende mwigishe amahanga yose » (*Mt 28, 19).*

**K**u bo Yezu abwira ati : « Nimunkurikire ! », hari ibyo abasaba bikomeye ariko kandi binashimishije : ashaka kubagira inshuti ze, ashaka ko batega amatwi ijambo rye kandi bakabana na we; abigisha kwegukira Imana byuzuye no kwamamaza Ingoma yayo nk'uko Ivanjili ibitegeka : « Imbuto y'ingano iyo itaguye mu gitaka ngo ihugute, ikomeza kuba yonyine; naho iyo ihuguse, yera imbuto nyinshi » (*Yh 12, 24*) ; abasaba kureka ibyo bikundira n'imigambi yabo kugira ngo begukire ugushaka kw'Imana no kuyoborwa na yo. Abasangiza ubuvandimwe bukomoka ku kwegukira Imana byuzuye (*reba Mt 12, 49-50),* kandi buranga ku buryo bwihariye abavandimwe ba Yezu: « Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, ni urukundo muzaba mufitanye » (*Yh 13, 35*).

**M**uri iki gihe na none, gukurikira Kristu ntibyoroshye; bisaba kwitoza guhanga amaso Yezu, kumumenya ku buryo bwihariye, kumutega amatwi mu Ijambo ry'Imana no kumusanga mu Masakaramentu; binasaba kandi kwitoza gukurikiza ugushaka kwe. Ni ishuri nyaryo ryigisha abitegura gukora umurimo wa gisaseridoti no kwiyegurira Imana, babifashijwemo n'abayobozi ba Kiliziya babifitiye ububasha. Nyagasani ntahwema guhamagarira abato n'abakuru kugira uruhare ku butumwa bwe no gukorera Kiliziya mu murimo wa gisaseridoti cyangwa mu buzima bwo kwiyegurira Imana.

Koko rero Kiliziya « isabwa kwita kuri iyo ngabire, kuyiha agaciro no kuyikunda: ifite inshingano yo kubyara no kurera abahamagarirwa ubusaseridoti » (YOHANI-PAWULO II, Ibaruwa *Pastores dabo vobis*, 41). By'umwihariko muri ibi bihe turimo aho ijwi rya Nyagasani risa n'iripfukiranwa n'« andi majwi », kandi umuhamagaro wo kumukurikira bamwegurira ubuzima bisa nk'ibiruhanyije, buri koraniro ry'abakristu na buri mukristu bagombye kwitangira babikuye ku mutima ubutumwa bwo gushyigikira abashaka kwiyegurira Imana. Ni ngombwa gushishikaza no gushyigikira abagaragaza ibimenyetso biganisha mu nzira y'ubusaseridoti n'iyo kwiyegurira Imana, kugira ngo bumve ko bashyigikiwe n'ikoraniro ryose mu gihe babwira « karame » Imana na Kiliziya. Nanjye ubwanjye ndabashyigikiye nk'uko nabigaragaje ku biyemeje kwinjira mu iseminari. Nabandikiye ngira nti: « Mwagize neza. Koko abantu bazahora bakenera Imana, ndetse no muri ibi bihe higanje iterambere rya tekiniki n'ikusanyabukungu: bazakenera Imana yigaragaje muri Yezu Kristu, kandi iduhuriza hamwe muri Kiliziya yose kugira ngo, hamwe na we no ku bwe, tumenye ubuzima nyakuri,

kugira ngo kandi hagaragazwe ibiranga imibanire nyayo y'abantu kandi y'ingirakamaro » (*Ibaruwa yandikiwe abaseminari, 18 Ukwakira 2010).*

**N**i ngombwa ko buri Kiliziya yihariye yumva ko irebwa igihe cyose n'ubutumwa mu byerekeye ihamagarwa ry'abiyeguririmana kandi ikabwitangira. Nk'uko Yezu yabigenjereje intumwa ze, mu rwego rw'umuryango, paruwasi n'amahuriro y'abakristu, Kiliziya izafasha cyane cyane urubyiruko rw'abakobwa n'urw'abahungu kwitoza kumva neza kandi ku buryo bw'ingirakamaro Ijambo ry'Imana babikesha kurisoma kenshi; izafasha kumva ko kwakira ugushaka kw'Imana bitavanaho cyangwa ngo byangize umuntu, ko ahubwo bimufasha kumenya no gukurikiza ukuri nyako mu buzima bwe. Izabafasha kandi kugira ubuntu no kubanira abandi kivandimwe kuko abakira urukundo rw'Imana ari bo bagera ku byishimo nyakuri kandi bakagera ku migambi y'ibyifuzo byabo.

Hakoreshejwe ubutumwa bwita ku ihamagarwa ry'abiyegurira Imana ku buryo bwitondewe kandi bujyanye n'ibihe, « *Gushishikariza ukwiyegurira Imana muri Kiliziya iwacu* » bivuga kugira ubutwari bwo kugaragaza inzira ijyana no kwigomwa mu gukurikira Kristu; koko rero iyo nzira ijyana no kwitanga mu buzima bwose ifite byinshi yigisha.

**B**episikopi bavandimwe, by'umwihariko ngiye kugira icyo mbisabira. Kugira ngo mukomeze kandi mwamamaze ubutumwa bw'umukiro dukesha Yezu Kristu, ni ngombwa guteza imbere « ku buryo bushoboka bwose ihamagarwa ry'abiyeguririmana mu nzira y'ubusaseridoti n'iy'ukwiyegurira Imana, by'umwihariko mu nzira y'iyogezabutumwa mu bindi bihugu » (Konsili Vatikani ya Kabiri, Inyandiko *Christus Dominus*, 15). Nyagasani akeneye uruhare rwanyu kugira ngo ijwi rye rishobore kugera ku bo yahisemo. Murangwe n'ubushishozi igihe muhitamo abashinzwe Ibiro bya Diyosezi byita ku ihamagarwa ry'abiyeguririmana; ibyo biro ni ingirakamaro mu guteza imbere no gutunganya ubutumwa bwita ku ihamagarwa ry'abiyeguririmana no kugira uruhare mu gutegura isengesho ribasabira kandi rifasha ubwo butumwa kwera imbuto nyinshi.

Bepiskopi, ndabibutsa guhorana umutima wa Kiliziya yose ishishikazwa n'uko hasaranganywa abapadiri ku isi. Umutima wanyu utabara za Diyosezi zikeneye abiyeguriyimana ni isoko y'umugisha muri Diyosezi zanyu kandi ku bakristu ni ikimenyetso cy'ubwitange bw'abapadiri babo mu kugoboka Kiliziya yose.

**I**nama Nkuru ya Vatikani ya Kabiri yibukije mu buryo bugaragara ko « inshingano yo kwita ku ihamagarwa ry'abiyeguririmana ireba umuryango wose w'abakristu, ubyitangira igihe ugaragaza ubuzima nyabwo bwa gikristu » (Inyandiko *Optatam totius*, 2). Ndashimira mbikuye ku mutima kandi ndashishikaza

abantu bose bunganira abapadiri muri za Paruwasi ku buryo bunyuranye. Ndashimira by'umwihariko abashobora gutanga inkunga mu butumwa bwita ku ihamagarwa ry'abiyeguririmana : abapadiri, imiryango y'abakristu, abakateshisiti n'abandi bogezabutumwa. Ndashishikariza abapadiri kurushaho kugaragaza ko bunze ubumwe n'umwepisikopi wabo na bagenzi babo, kugira ngo abatangiye inzira y'ubusaseridoti babone ahantu heza bazakura uburere bufite ireme. Ingo z'abakristu « nizirangwe n'ukwemera, urukundo n'isengesho » (Inyandiko *Optatam totius, 2*), kugira ngo zifashe abasore n'inkumi kwakirana umutima witanga ubutorwe mu nzira y'ubusaseridoti n'iyo kwiyegurira Imana. Abakateshisiti, abayobozi b'imiryango y'agisiyo gatolika n'abayobozi b'indi miryango, kubera ko bumvise ubutumwa bafite mu burezi, nibashishikarire « kurera abasore n'inkumi bashinzwe ku buryo bashobora kumva ijwi ry'Imana no kuryakirana umutima mwiza » (*Inyandiko Optatam totius, 2).*

**B**avandimwe nkunda, ubwitange bwanyu mu guteza imbere abahamagarirwa kwiyegurira Imana no kubaba hafi byumvikana kandi bikagira akamaro mu iyogezabutumwa igihe bikorewe hamwe kandi bigamije gushimangira ubumwe muri Kiliziya.

Niyo mpamvu**,** kwigisha iyobokamana, kujya mu mahugurwa, gusengera hamwe no kujya mu ngendo nyobokamana ari ibikorwa by'umuryango w'abakristu bituma abagize umuryango w'Imana, cyane cyane abana n'urubyiruko, bumva ko bagize Kiliziya imwe kandi bigatuma bamenya uruhare rwabo mu kwakira ubutorwe mu nzira ibaganisha ku busaseridoti no mu kwiyegurira Imana, bakihitiramo nta gahato kandi bazi icyo bakora.

**I**shyaka ryo kwita ku bahamagarirwa kwiyegurira Imana ni ikimenyetso kiranga ubuzima n'imbaraga bya Kiliziya iwacu**.**
Dusabe twizeye kandi tutarambirwa ubuvugizi n'isengesho bya Bikira Mariya, kugira ngo urugero rwe mu kwakira umugambi w'Imana wo gucungura abantu rwakirwe mu muryango w'abemera kandi na wo ugaragaze ko witeguye kubwira « ***yego*** **»** Nyagasani, udahwema kwihamagarira abakozi bashya mu murima we.

Mbikuye ku mutima ndangije mbaha mwese umugisha wa gishumba.

**Bikorewe i Vatikani, ku wa 15 Ugushyingo 2010.**

**Byahinduwe mu kinyarwanda kandi byandikishwa n'itsinda**
**OPM-RWANDA**